Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu

P.O.BOX.: 269 Kigali. Hotline: 3430, (+250) 788304878
Email: cndh@rwanda1.rw or cndp@cndp.org.rw
Twitter : HumanRightsRW
Site Internet : www.cndp.org.rw
Facebook: NCHR

ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBURENGANZIRA BWA MUNTU RIGENEWE ITANGAZAMAKURU KU MATORA Y'ABADEPITE YO KU WA 2-4 NZERI 2018

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ishingiye ku nshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 yo guteza imbere uburenganzira bwa Muntu n'inshingano yihariye yo kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu matora ihabwa n'Itegeko nº 19/2013 ryo ku wa 25/03/2013 rigena inshingano, imiterere n'imikorere byayo, yagenzuye imyiteguro, ibikorwa byo kwiyamamaza n'amatora rusange n'ay'ibyiciro byihariye y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w`Abadepite yo muri Nzeri 2018 mu Turere twose tw'igihugu hagamijwe kureba uko uburenganzira bw'abakandida, ubw'abatora, n'ubw'indorerezi bwubahirizwa.

Komisiyo, isanga aho yagenzuye hose ibikorwa byo kwiyamamaza kw'abakandida byarabaye mu bwisanzure n'umutekano kandi abakandida barahawe umwanya ungana mu bitangazamakuru bya Leta. Yasanze kandi imyiteguro yarakozwe neza, ibikoresho byose by'itora byaragereye ku biro by'itora ku gihe kandi bicungiwe umutekano, ubwihugiko buteguye neza ku buryo bufasha abatora gutora mu ibanga.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irashima uburyo Abanyarwanda bitabiriye amatora ari benshi bityo bakubahiriza uburenganzira n'inshingano byabo byo kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu. Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irashima ko uburenganzira bw'abantu bafite ubumuga, abageze mu zabukuru n' abafite intege nke bwubahirijwe. Komisiyo irashima kandi ko mu bitaro hashyizweho icyumba cy'itora bityo bikorohereza abarwayi n'abarwaza gutora.

Ishingiye ku igenzura yakoze, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irasanga amatora y'Abagize Inteko ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yabaye kuva ku wa 2 kugeza ku wa 4 Nzeri 2018 yaragenze neza muri rusange; yabaye mu mucyo, mu bwisanzure, mu ituze no mu mutekano.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu irasaba Abanyarwanda gukomeza kubahiriza uburenganzira n'inshingano byabo bagira uruhare mu kwitorera abayobozi. Isanga kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikwiye gukomeza gukangurira abagize Inteko itora mu matora y'ibyiciro byihariye kubahiriza isaha itora ritangiriraho n'igihe rirangiriraho nk'uko amategeko n'amabwiriza abiteganya.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, izakomeza guteza imbere, kurengera no gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa Muntu mu byiciro byabwo bitandukanye.

Bikorewe i Kigali, ku wa 6 Nzeri 2018

NIRERE Madeleine,

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu.

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu
CNDP - NCHR